# KUREMA UMUCYO MU MURYANGO

## UMURYANGO

Umuryango ubaho iyo umugore ahuye n'umugabo. Icyo gihe uba ari umuryango muto. Umuryango utangira kwaguka iyo abo bombi bagize urubyaro;bakagira abana.

Umuryango wambere watangiriye mu busitani bwa edeni igihe imana yari imaze kurema umuntu wambere ari we Adam.

Itangiriro 2:18

Kandi Uwiteka Imana iravuga iti"Sibyiza ko uyu muntu aba wenyine,reka muremere umufasha umukwiriye."

Uko niko Imana yaremye umuryango wa mbere.

Itangiriro 1:28

Imana ibaha umugisha,Imana irababwira iti"mwororoke mugwire,mwuzure isi ,mwimenyereze ibiyirimo,mutware amafi yo mu nyajya,n'inyoni,n'ibisiga byo mu kirere,n'ibintu byose bifite ubugingo byigenza ku isi".

Uku niko Imana yahaye umugisha umuryango.niko twavutse kandi twisanze.

## UMURYANGO WAWE

Hari igihe tuvukira mu miryango itandukanye bigatuma dukurana imico itandukanye bitewe n'uburere twahawe. Iyo umuntu amaze gukura no gusobanukirwa agira umukoro wo guhindura byinshi mu byo aba yarasanze mu muryango we bitangenda neza. Ariko kandi agire uruhare mu gusigasira bimwe mu byiza yahasanze kugira ngo bidacika.

## UMURYANGO IMANA YISHIMIRA

Umuryango Imana yishimira ni umuryango usenga ,ugaragaze urukundo nyarwo,ushyize hamwe,wubaha kandi ukumvira ijambo ryayo udafite kubatwa kose .

1. UMURYANGO USENGA
   Umuryango usenga ubasha kumenya amahame y'Imana kandi ukavugana n'Imana binyuze mu gusenga.gusenga kuvugwa aha ntago ari gusoza umuhango ahubwo ni ugusengera mu kuri no mu mwuka. Gusenga niko kuzana inkomezi mu muryango ndetse bigaha umurongo umuryango kuko ari ho gutabarwa guturuka.

2. URUKUNDO

Umuryango ufite urukundo unezeza Imana kuko aho urukundo ruri haba hari kwihanga,amahoro,kumvika,gushyira hamwe no kwizera kandi ibyo byose bihura n'imbuto z'umwuka aba kristo bagomba kugenderamo kandi zihura n'imico myiza.
Urukundo ni urukuta rurinda umuryango ibitero byinshi kuko uba ushyize hamwe.

3. GUSHYIRA HAMWE
   Iyo umuryango ushyize hamwe biba bivuze ko wumvikana muri byose.gushyira hamwe mu muryango Bizana inyungu nyinshi mw'iterambere ry'umuryango nk'iyo hari icyo bagambirira gukora.gushyira hamwe ni umugozi udacika uhuriza hamwe umuryango kugira imitekereeze imwe .

4. KUBAHA
   Umuryango wubahana hagati yawo,abana bubaha ababyeyi ndetse ababyeyi bakubaha abana biba bivuze ko n'Imana bishoboka ko bayumvira.iyo umuryango wubaha Imana biwuhindukirira gukiranuka bigatuma umuryango ugira amasezerano y'Imana. Umuryango wubaha wemerwa n'Imana.

5. KUMVIRA IJAMBO RY'IMANA
   Umuryango wumvira Imana urarindwa kandi uba mu buzima bw'ibitangaza kuko ugendera mu kwizera kw'ijambo ry'Imana. Mu jambo ry'Imana habamo imbaraga ikomeye cyane ihindura kandi irema.

6. KUTABATWA KOSE
   Iyo umuryango wabaswe ni kintu runaka urugero nk'ubusinzi ,ubusambamyi,ubusambo,ubwibone cyangwa gutega {betting}, biba bivuze ko nta kibanza Imana ifite muri iyo nzu.
   Ibyo bituma satani asenya umuryango guhera ku babyeyi kugeza kubana ndetse bato cyane. Kubera ko satani azi imabaraga zu muryango akora ibishoboka byose ngo awice habure iterambere n'agakiza. Iyo umuryango wabaswe ,niyo waba ukize mu mubiri ariko uba upfuye mu mwuka.aho rero ntago uwo muryango ubashaka kunezeza Imana keretse wihannye ukava mu byaha aribwo bu bata bwa satani.

*UMURYANGO IMANA ITISHIMIRA NI INCURIKE [OPPOSITE] Y'IBYO HARUGURU.*

IBICANIRO BYO MU MURYANGO

Ibicaniro cyangwa igicaniro cyo mu muryango bisobanura imico,imigenzo ,amahame,karande ,imyitwarire ,imyizerere ndetse n'imyumvire iba ifite icyicaro mumuryango.
Buri muryango wose ufite igicaniro runaka.cyane cyane imiryango yo muri Africa na Asia kuko hadashize igihe kinini agakiza kaje ibyo bigatuma kubohoka bitinda.

Hashize imyaka myinshi cyane ibihugu byo mu burayi bibonye umucyo.mu kinyejana cya mbere ndetse na mbere yaho ,Asia y'iburasirazuba yavukiwemo n'Imyizerere myinshi uhereye kubu Kristo ,Judaism,Islam ndetse no gusenga ibigirwamana.
Ubu Kristo bwarushije imbaraga indi myizerere yose uhereye mu kinyejana cya mbere AD.
Ubu Kristo bwageze muri Asia yo hagati , bukomeza mu burayi ,America yose ,Oceania ndetse buza kugera muri Africa.
Igihugu cyangwa umugabane uhera mu muryango.iyo ubutumwa bwiza bwa bwirizwaga,imiryango yarahindukiraga ikava mu bigirwamana ,ibyaha ndetse n'ibindi bibi byinshi yakoraga.bishatse kuvuga ko hari ibicaniro byasenywaga hakubakwa ikindi gicaniro cya Yesu Kristo. Uko niko ibihugu byavutse bya gi Kristo.niko America[USA]yavutse,Ubwongereza ndetse n'ibindi.

GUSENYA NO KUBAKA IBICANIRO MU MURYANGO

Umaze gusuzuma ibicaniro biboneka mu muryango wawe,urugero,kubandwa ,guterekera,kuraguza,gushikisha,gutanga ibitambo by'abantu,ubuhakanyi,kamere ndetse icyaha muri rusange,ibitejejwe byose mu muryango wawe.
Ibyo nibyo bituma udatera imbere,niho abarozi bakubonera,niho hava igisuzuguriro ,icyangiro,ubwoba bw'ibihe,gushidikanya,gutenguhwa,uburwayi bwa karande,guhora inyuma ndetse n'ibindi bibi byose.

Ngaho rero niba warizeye Yesu nk'umwami n'umukiza w'ubugingo bwawe kandi warazinutse icyaha n'ibyisi,ni igihe gikwiriye ko usenya ibicaniro byose biri mu muryango wawe.

**2 Abami 23**

**Yosiya agarura abantu ku Mana, arwanya iby'ubupagani**

**1Maze umwami atumira abakuru b'Abayuda n'ab'i Yerusalemu bose, bateranira aho ari. 2Bageze**
**aho, umwami arazamuka ajya mu nzu y'Uwiteka, hamwe n'abagabo b'Abayuda bose n'ab'i**
**Yerusalemu bose, bajyana na we n'abatambyi n'abahanuzi n'abantu bose, aboroheje n'abakomeye.**
**Amagambo yose yo muri icyo gitabo cy'isezerano cyabonetse mu nzu y'Uwiteka, arayabasomera**
**barayumva. 3Maze umwami ahagarara iruhande rw'inkingi, asezeranira imbere y'Uwiteka ko**
**azakurikira Uwiteka, akitondera amategeko ye n'ibyo yahamije, n'amateka ye abishyizeho umutima**

we wose n'ubugingo bwe bwose, kugira ngo asohoze amagambo y'iryo sezerano ryanditswe muri icyo gitabo. Maze abantu bose barahagarara bihamiriza iryo sezerano.

4 Nuko umwami ategeka Hilukiya umutambyi mukuru, n'abatambyi bari mu mwanya wa kabiri
n'abarinzi b'inzugi, gukura mu rusengero rw'Uwiteka ibintu byose byaremewe Bāli na Ashera n'ingabo
zose zo mu ijuru, abitwikira inyuma y'i Yerusalemu mu kabande k'i Kidironi, umuyonga wabyo
awujyana i Beteli. 5Yirukana abatambyi b'ikigirwamana bashyizweho n'abami b'Abayuda kujya
bosereza imibavu mu ngoro zo mu midugudu y'i Buyuda n'ahateganye n'i Yerusalemu hose,
agakuraho n'abandi boserezaga Bāli imibavu, bakayosereza n'izuba n'ukwezi n'inyenyeri n'ingabo zose
zo mu ijuru. 6Akura igishushanyo cya Ashera mu nzu y'Uwiteka, akijyana inyuma y'i Yerusalemu ku
kagezi kitwa Kidironi agitwikira kuri ako kagezi, aragisiribanga kiba umuyonga. Uwo muyonga wacyo
aherako awusesa ku bituro by'abakene. 7Asenya amazu y'abatinganyi yari mu nzu y'Uwiteka, aho
abagore baboheraga inyegamo zo gukingira igishushanyo cya Ashera. 8Akura abatambyi bose bo mu
midugudu y'i Buyuda, yangiza ingoro aho abatambyi boserezaga imibavu, uhereye i Geba ukageza i
Bērisheba, asenya ingoro zo ku marembo, imwe yari ku irembo ryo kwa Yosuwa igisonga cy'umurwa,
iyindi yari ibumoso bw'irembo ry'uwo murwa.

9Abatambyi bo mu ngoro ntibarakazamuka ngo bajye ku cyotero cy'Uwiteka i Yerusalemu, ahubwo
bajyaga basangira na bene wabo imitsima idasembuwe.

10 Kandi yangiza n'i Tofeti hari mu gikombe cya bene Hinomu, ngo he kugira umuntu wese
unyuriza Moleki umwana we w'umuhungu cyangwa w'umukobwa mu muriro. 11Akuraho amafarashi
abami b'Abayuda bari baraterekereje izuba, ahajya mu nzu y'Uwiteka iruhande rw'inzu ya
Natanimeleki umunyanzu hahereranye n'urusengero, atwika n'amagare yari yaraterekerejwe
izuba. 12 Kandi ibicaniro byari hejuru y'inzu ya Ahazi yo hejuru, ibyo abami b'Abayuda bari barubatse,
n'ibyo Manase yari yarubatse mu bikari byombi by'inzu y'Uwiteka, na byo umwami arabisenya.
Amaze kubimenagura abikurayo, umukungugu wabyo awujugunya mu kagezi kitwa Kidironi. 13 Kandi
ingoro zari ziteganye n'i Yerusalemu, zari iburyo bw'umusozi w'irimbukiro, izo Salomo umwami wa
Isirayeli yubakiye Ashitoreti ikizira cy'Abasidoni, na Kemoshi ikizira cy'Abamowabu, na Milikomu

**ikizira cy'Abamoni, umwami arabyangiza. 14Avunagura inkingi, atema ibishushanyo bya Ashera, kandi aho byababaga ahuzuza amagufwa y'abantu.**

Uko niko Umwami Yosiya yasenye ibicaniro byari muri Israel byatumaga Imana ibarakarira ikabahana mu maboko yabanzi babo,bakagirwa abacakara,bakanyagwa,bagakubitwa,bakicwa kandi bagahinduka nk'inzererezi mw'isi nyamara babitse amasezerano menshi cyane ayo Imana yabahaye uhereye kera cyane.
Uko niko ibicaniro byo mu miryango byose bitejejwe bitugenza,nicyo bikora.ni intebe ya satani mu muryango niho satani abohera imiryango yacu nubwo turi abanyamasezerano.

Umwami Yosiya yagize ubutwari mu gihe cye asenya ibicaniro bya satani mu miryango ya Israel no mu gihugu cyose bituma Imana itinda kurimbura abicyo gihe.
Uyu munsi ni wowe wo guhaguruka usagenya birya bicaniro byose byibicaye hejuru y'umuryango wawe bitari iby'Imana.

Bisenyeshe ingeso nziza,bisenyeshe gusenga kubohora,bisenyeshe kwera no gukiranuka,bisenyeshe kwizera Yesu Kristo ,bisenyeshe kumvira Ijambo ry'Imana,bisenyeshe kubyanga,bisenyeshe kwitandukana nabyo,bisenyeshe kubicyaha,bisenyeshe kwatura kwa Kristo Yesu,bisenyesha kwatura ko muri aba Yesu Kristo,bisenyeshe kwatura iri jambo ngo:

**Abefeso 2:10**

**kuko turi abo yaremye ituremeye imirimo myiza muri Kristo Yesu, iyo Imana yiteguriye kera kugira ngo tuyigenderemo.**

Muri wowe harimo imbaraga nyinshi iyo uhagaze imbere y'Imana mu mwanya ukwiriye.
Igihe Mose yari akiri muri Egiputa yari umuntu ucira bugufi farawo.kugeza umunsi yavuyeyo akavugana n'Imana ku gihuru kigurumana.
Yasubiye kwa farawo atajyanwe no kumucira bugufi ukundi ,ahubwo agiye kumutegeka kurekura ubwoko bwe. Aba Israel bagiye mu misiri ari umuryango w'abantu mirongo irindwi.
Mu myaka 430 bamaze mu misiri bari bamaze kuba miliyoni 3.
Umuryango wari waragutse waravuyemo myinshi kandi igihe cyari gisohoye ko bava mu gihugu cya egiputa mu bubata bwa farawo bakajya mu gihungu Imana yari yarasezeranije ba sekuruza ko bazakigarurira kikaba icyabo. Imana yahagurukije Mose ngo akure bene wabo mu bucakara bwa farawo[satani] ngo abageze mu masezerano y'Imana.

Nawe haguruka ujye imbere y'umuryango wawe.nawe ambutsa umuryango wawe inyanjya itukura.
Tegeka farawo kurekura umuryango wawe .mutegeke arekure ababyeyi bawe n'abavandimwe bawe ndetse n'umuryango mugari wawe.humura muri iyo ntambara ntago uri wenyine,uri kumwe n'Imana. Kandi iri niryo sezerano iguha uyu munsi wa none:

**Yosuwa 1:5-6**

**Nta muntu n'umwe warinda kuguhagarara imbere iminsi yose yo kubaho kwawe.Nk'uko nabanaga na Mose niko nzabana nawe,sinzagusiga kandi sinzaguhana.**
**Komera ushikame,kuko uzatuma aba bantu bazungura igihugu narahiye ko nzaha ba sekuruza babo.**

Komera, Imana iri kumwe nawe ngo winjize umuryango wawe mu gihugu cy'agakiza ,igihugu cyo kubaho Imana igihugu cy'umugisha.nta murozi uzakunesha ,nta mwanzi uzakubasha, nta ba dayimoni bazarusha umugambi w'Imana imbaraga .kuko uzaba uri mu mugambi w'Imana, uzaba urinzwe.komera kandi ushikame.senya ibicaniro byose byo kwa farawo satani mu muryango wawe maze wubakire igicaniro Yesu mu muryango wawe.

**1Abami 18:30-32**
**Eliya aherako abwira abantu bose ati"nimunyegere".bose baramwegera,asana igicaniro cy'Uwiteka cyari cyarasenyutse.**
**Nuko Eliya yenda amabuye cumi n'abiri uko umubare w'imiryango ya bene Yakobo wanganaga ,ari we ijambo ry'Uwiteka ryagezeho riti"Isirayeli niryo ribaye izina ryawe".**
**Nuko ayo mabuye Eliya ayubakisha igicaniro mw'Izina ry'Uwiteka,maze acukura irihande rwacyo uruhavu rwajyamo indengo ebyiri z'imbuto.**

Uko niko nawe ubasha kongera kubaka igicaniro cy'Imana cyasenyutse mu muryango wawe ariko gusenga nyakuri.ubakisha ibuye ryo kwizera kandi iryo buye ni Kristo we buye rizimana ryanzwe n'abubatsi nyamara ku Mana ryaratoranijwe.
Hanyuma uruhavu rwawe ruzuzura ibitangaza by'Imana ku buzima bawe.
Umuhamagaro uhera mu muryango,gukiza bihera mu muryango .nkuko urupfu rwa mbere rwatangiriye mu muryango ,ni nako agakiza gahera mu muryango.
Indangagaciro zihera mu muryango.
Intangiriro y'ubuzima ni mu muryango kandi iherezo rigera ku muryango.

Nkwifurije kugira umuryango uyobowe na mwuka wera,uri mu bwishingizi bw'ijuru kandi ubohotse rwose, ubeshejweho no kwizera umwami Yesu Kristo.
Gira umugisha.